

ITEGEKO N° 39/2013 RYO KUWA 16/6/2013  
RISHYIRAHU URUBUGA NGISHWANAMA  
RW'INARABONYE Z'U RWANDA  
RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE  
N'IMIKORERE BYARWO

LAW N°39/2013 OF 16/06/2013  
ESTABLISHING THE RWANDAN ELDERS  
ADVISORY FORUM AND DETERMINING  
ITS MISSION, ORGANISATION AND  
FUNCTIONING

LOI N° 39/2013 DU 16/06/2013 PORTANT  
CREATION DU FORUM CONSULTATIF  
DES SAGES RWANDAIS ET  
DETERMINANT SA MISSION, SON  
ORGANISATION ET SON  
FONCTIONNEMENT

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'ijambo

Article 2: Definition of a term

Article 2: Définition d'un terme

Ingingo ya 3: Urwego rureberera REAF

Article 3: Supervising authority of REAF

Article 3: Autorité de tutelle du REAF

Ingingo ya 4: icyicaro cya REAF

Article 4: Head office of REAF

Article 4: Siège du REAF

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA REAF  
N'IMIKORANIRE YARWO N'IBIRO BYA  
PEREZIDA WA REPUBLICA

CHAPTER II: MISSION OF REAF AND ITS  
RELATIONS WITH THE OFFICE OF THE  
PRESIDENT OF THE REPUBLIC

CHAPITRE II : MISSION DU REAF ET SES  
RELATIONS AVEC LA PRESIDENCE DE  
LA REPUBLIQUE

Ingingo ya 5: Inshingano za REAF

Article 5: Mission of REAF

Article 5 : Mission du REAF

Ingingo ya 6: Imikoranire ya REAF n'Ibiro  
bya Perezida wa Repubulika

Article 6: Relations between REAF and the  
Office of the President of the Republic

Article 6: Relations entre REAF et la  
Présidence de la République

UMUTWE WA III: INZEGO ZIGIZE REAF  
N'INSHINGANO ZAZO

CHAPTER III: ORGANS OF REAF AND  
THEIR RESPONSIBILITIES

CHAPITRE III: ORGANES DU REAF ET  
LEURS ATTRIBUTIONS

Ingingo ya 7: Inzego za REAF

Article 7: Organs of REAF

Article 7 : Organes du REAF

<u>Ivicio cya mberere:</u> Inama y’Inararibonye	<u>Section One:</u> Council of Elders	<u>Section première :</u> Conseil des Sages
<u>Ingingo ya 8:</u> Inshingano z’Inama y’Inararibonye	<u>Article 8:</u> Responsibilities of the Council of Elders	<u>Article 8 :</u> Attributions du Conseil des Sages
<u>Ingingo ya 9:</u> Abagize Inama y’Inararibonye	<u>Article 9:</u> Members of the Council of Elders	<u>Article 9:</u> Membres du Conseil des Sages
<u>Ingingo ya 10:</u> Manda y’abagize Inama y’Inararibonye	<u>Article 10:</u> Term of office of members of the Council of Elders	<u>Article 10:</u> Mandat des membres du Conseil des Sages
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibigenderwaho mu guhitamo Inararibonye	<u>Article 11:</u> Criteria of selection of Elders	<u>Article 11:</u> Critères de sélection des Sages
<u>Ingingo ya 12:</u> Impamvu zo kuva mu Nama y’Inararibonye	<u>Article 12:</u> Grounds for losing membership in the Council of Elders	<u>Article 12:</u> Raisons de perte de la qualité de membre du Conseil des Sages
<u>Ingingo ya 13:</u> Ishyirwaho n’ivanwaho ry’abagize Inama y’Inararibonye	<u>Article 13:</u> Appointment and removal of the members of the Council of Elders	<u>Article 13:</u> Nomination et révocation des membres du Conseil des Sages
<u>Ingingo ya 14:</u> Indangagaciro z’ingenzi mu kazi k’abagize Inama y’Inararibonye	<u>Article 14:</u> Key values guiding members of the Council of Elders in their duties	<u>Article 14:</u> Principales valeurs guidant les membres du Conseil des Sages dans leurs fonctions
<u>Ingingo ya 15:</u> Ibigenerwa abagize Inama y’Inararibonye	<u>Article 15:</u> Benefits allocated to members of the Council of Elders	<u>Article 15:</u> Avantages alloués aux membres du Conseil des Sages
<u>Ivicio cya 2:</u> Biro ya REAF n’inshingano zayo	<u>Section 2:</u> Bureau of REAF and its responsibilities	<u>Section 2:</u> Bureau du REAF et ses attributions
<u>Ingingo ya 16:</u> Abagize Biro ya REAF	<u>Article 16:</u> Members of the Bureau of REAF	<u>Article 16:</u> Composition du Bureau du REAF
<u>Ingingo ya 17:</u> Inshingano za Biro za REAF	<u>Article 17:</u> Responsibilities of the Bureau of REAF	<u>Article 17:</u> Attributions du Bureau du REAF
<u>Ingingo ya 18:</u> Inshingano za Perezida wa REAF	<u>Article 18:</u> Duties of the Chairperson of REAF	<u>Article 18:</u> Attributions du Président du REAF

<u>Ingingo ya 19: Inshingano za Visi Perezida wa REAF</u>	<u>Article 19: Duties of the Vice Chairperson of REAF</u>	<u>Article 19: Attributions du Vice-Président du REAF</u>
<u>UMUTWE WA IV: IMIKORERE Y'INAMA Y'INARARIBONYE</u>	<u>CHAPTER IV: FUNCTIONING OF THE COUNCIL OF ELDERS</u>	<u>CHAPITRE IV: FONCTIONNEMENT DU CONSEIL DES SAGES</u>
<u>Ingingo ya 20: Inama z'Inama y'Inararibonye</u>	<u>Article 20: Meetings of the Council of Elders</u>	<u>Article 20: Réunions du Conseil des Sages</u>
<u>Ingingo ya 21: Ifatwa ry'ibyemezo n'inyangamukuru</u>	<u>Article 21: Decision-making and minutes</u>	<u>Article 21: Prise de décisions et procès-verbal</u>
<u>Ingingo ya 22: Amategeko ngenyamikorere</u>	<u>Article 22: Internal rules and regulations</u>	<u>Article 22: Règlement d'ordre intérieur</u>
<u>UMUTWE WA V: ABAKOZI N'UMUTUNGO BYA REAF</u>	<u>CHAPTER V: STAFF AND PROPERTY OF REAF</u>	<u>CHAPITRE V: PERSONNEL ET PATRIMOINE DU REAF</u>
<u>Ingingo ya 23: Imicungire y'abakozi ba REAF</u>	<u>Article 23: Management of the staff of REAF</u>	<u>Article 23: Gestion du personnel du REAF</u>
<u>Ingingo ya 24: Inkomoko y'umutungo wa REAF</u>	<u>Article 24: Sources of the property of REAF</u>	<u>Article 24: Sources du patrimoine du REAF</u>
<u>Ingingo ya 25: Imikoreshereze, imicungire n'imiguzurire by'umutungo</u>	<u>Article 25: Use, management and audit of the property</u>	<u>Article 25: Utilisation, gestion et audit du patrimoine</u>
<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 26: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko</u>	<u>Article 26: Drafting, consideration and adoption of this Law</u>	<u>Article 26: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u>
<u>Ingingo ya 27: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u>	<u>Article 27: Repealing provision</u>	<u>Article 27: Disposition abrogatoire</u>
<u>Ingingo ya 28: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u>	<u>Article 28: Commencement</u>	<u>Article 28: Entrée en vigueur</u>

**ITEGEKO N°39/2013 RYO KUWA  
16/06/2013 RISHYIRAHU URUBUGA  
NGISHWANAMA RW'INARARIBONYE  
Z'U RWANDA RIKANAGENA  
INSHINGANO, IMITERERE  
N'IMIKORERE BYARWO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO  
YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE,  
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA  
KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA  
MU IGAZETI YA LETA YA REPUBLIKA  
Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 24  
27 Gicurasi 2013 ;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 24  
Gicurasi 2013;

Ishingye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika  
y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko  
iyavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu  
ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya  
89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108,  
iya 113, iya 176, iya 183, n'iya 201;

**LAW N°39/2013 OF 16/06/2013  
ESTABLISHING THE RWANDAN ELDERS  
ADVISORY FORUM AND DETERMINING  
ITS MISSION, ORGANISATION AND  
FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND  
WE SANCTION, PROMULGATE THE  
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE  
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE  
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of  
27 May 2013;

The Senate, in its session of 24 May 2013;

Pursuant to the Constitution of the Republic of  
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,  
especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93,  
94, 95, 108, 113, 176, 183 and 201;

**LOI N° 39/2013 DU 16/06/2013 PORTANT  
CREATION DU FORUM CONSULTATIF  
DES SAGES RWANDAIS ET  
DETERMINANT SA MISSION, SON  
ORGANISATION ET SON  
FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI  
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS  
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL  
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU  
RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 27 mai  
2013;

Le Sénat, en sa séance 24 mai 2013;

Vu la Constitution de la République du Rwanda  
du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,  
spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90,  
92, 93, 94, 95, 108, 113, 176, 183 et 201;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTÉ:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER:  
GENERALES**

**Ingingo ya mbera: icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Urubuga Ngishwanama rw'Inararibonye z'u Rwanda, rwitwa "REAF" mu magambo ahinnye y'Icyongereza, rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byarwo.

REAF ifite ubwigenge mu miyoborere no mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo.

**Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'ijambo**

Muri iri tegeko, ijambo "Inararibonye" risobanura abagabo n'abagore b'inyangamugayo, bafite nibura imyaka mirongo itanu (50) y'amavuko, ubunararibonye n'uburambe mu miyoborere y'Igihugu cyangwa y'izindi nzego.

**Ingingo ya 3: Urwego rureberera REAF**

REAF irebererwa n'Ibiro bya Perezida wa Repubulika.

**Ingingo ya 4: icyicaro cya REAF**

Icyicaro cya REAF kiri mu Muji wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda.

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes the Rwandan Elders Advisory Forum, abbreviated as "REAF" and determines its mission, organization and functioning.

REAF shall have administrative and financial autonomy.

**Article 2: Definition of a term**

As used in this Law, the term "Elders" means wise men and women of irreproachable moral and social values, aged at least fifty (50) years with experience and expertise in the leadership of the Country or other institutions.

**Article 3: Supervising authority of REAF**

REAF shall be supervised by the Office of the President of the Republic.

**Article 4: Head office of REAF**

The head office of REAF shall be located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi porte création du Forum Consultatif des Sages Rwandais, dénommé « REAF » en sigle anglais, et détermine sa mission, son organisation et son fonctionnement.

REAF est doté de l'autonomie financière et administrative.

**Article 2 : Définition d'un terme**

Aux fins de la présente loi, le terme « Sages » signifie les hommes et femmes intègres de valeurs morales et sociales irréprochables, âgés d'au moins cinquante (50) ans ayant l'expérience et l'expertise en matière de leadership national ou d'autres institutions.

**Article 3: Autorité de tutelle du REAF**

REAF est placé sous la tutelle de la Présidence de la République.

**Article 4: Siège du REAF**

Le siège du REAF est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il

Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda bibaye ngombwa.

Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda whenever necessary.

peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA REAF N'IMIKORANIRE YAYO N'IBIRO BYA PEREZIDA WA REPUBLIKA**

**CHAPTER II: MISSION OF REAF AND ITS RELATIONS WITH THE OFFICE OF THE PRESIDENT OF THE REPUBLIC**

**CHAPITRE II : MISSION DU REAF ET SES RELATIONS AVEC LA PRESIDENCE DE LA REPUBLIQUE**

**Ingingo ya 5: Inshingano za REAF**

**Article 5: Mission of REAF**

**Article 5 : Mission du REAF**

REAF ifite inshingano yo kugira inama Guverinoma ku bibazo by'Igihugu, ku murungo wa politiki Igihugu kigenderaho ndetse no ku mbogamizi zo mu rwego rw'imiyoborere myiza, ubutabera, ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

The mission of REAF shall be to advise the Government on national topical issues, national political orientation and challenges pertaining to good governance, justice, economy and social welfare.

La mission du REAF est de conseiller le Gouvernement sur des questions d'actualité nationale, sur l'orientation de la politique nationale et sur les défis en matière de la bonne gouvernance, la justice, l'économie et le bien-être social.

REAF ikora ibisabwe cyangwa ibyibwirije.

REAF shall act either on request or on its own initiative.

REAF agit sur demande ou de sa propre initiative.

**Ingingo ya 6: Imikoraniye ya REAF n'Ibiro bya Perezida wa Repubulika**

**Article 6: Relations between REAF and the Office of the President of the Republic**

**Article 6: Relations entre REAF et la Présidence de la République**

REAF ishyikiriza, buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, Ibiro bya Perezida wa Repubulika gahunda na raporo by'ibikorwa byerekeranye n'inshingano zayo.

REAF shall submit to the Office of the President of the Republic the action plan and activity report related to its mission every year and whenever necessary.

REAF soumet, chaque année et chaque fois que nécessaire, à la Présidence de la République le plan d'action et le rapport d'activités relatifs à sa mission.

**UMUTWE WA III: INZEGO ZIGIZE REAF N'INSHINGANO ZAZO**

**CHAPTER III: ORGANS OF REAF AND THEIR RESPONSIBILITIES**

**CHAPITRE III: ORGANES DU REAF ET LEURS ATTRIBUTIONS**

**Ingingo ya 7: Inzego za REAF**

**Article 7: Organs of REAF**

**Article 7 : Organes du REAF**

REAF igizwe n'inzego ebyiri (2) zikurikira:

REAF shall have the following two (2) organs:

REAF est doté de deux (2) organes suivants:

1° Inama y'Inararibonye;

1° Council of Elders;

1° Conseil des Sages;

2° Biro ya REAF.

2° Bureau of REAF.

2° Bureau du REAF.

Iteka rya Perezida rishobora kugena izindi nzego za REAF.

A Presidential Order may determine other organs of REAF.

Un arrêté présidentiel peut déterminer d'autres organes du REAF.

**Icyiciro cya mbera: Inama y'Inararibonye**

**Section One: Council of Elders**

**Section première : Conseil des Sages**

**Ingingo ya 8: Inshingano z'Inama y'Inararibonye**

**Article 8: Responsibilities of the Council of Elders**

**Article 8 : Attributions du Conseil des Sages**

Inama y'Inararibonye ni rwo rwego rukuru rwa REAF.

The Council of Elders shall be the supreme organ of REAF.

Le Conseil des Sages est l'organe suprême du REAF.

Inama y'Inararibonye ifite inshingano zikurikira:

The Council of Elders shall have the following responsibilities:

Le Conseil des Sages a les attributions suivantes:

1° gusuzuma no gutanga umuti cyangwa inama ku bibazo byugarije Igihugu, ku murongo wa politiki Igihugu kigenderaho ndetse no ku mbogamizi zo mu rwego rw'imiyobore myiza, ubutabera, ubukungu n'imibereho myiza y'abatwaga ;

1° to examine and propose solutions or give advice on national topical issues, national political orientation and challenges pertaining to good governance, justice, economy and social welfare;

1° examiner et proposer des solutions ou donner des conseils sur des questions d'actualité nationale, sur l'orientation politique et sur les défis en matière de la bonne gouvernance, la justice, l'économie et le bien-être social ;

2° gukora ubushakashatsi bukenewe kugira ngo bubafashe gutanga inama ikwiriyeye;

2° to conduct necessary research for the purposes of providing adequate advice;

2° mener des recherches nécessaires permettant de proposer des conseils adéquats ;

3° kwemeza gahunda y'ibikorwa bya buri mwaka bya REAF n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari yayoye;

3° to approve the annual plan of action and the draft budget proposal of REAF;

3° approuver le plan d'action annuel et l'avant-projet de budget du REAF;

4° kwemeza raporo y'ibikorwa bya REAF;

4° to approve the activity report of REAF;

4° approuver le rapport d'activités du REAF;

5° kwemeza amategeko ngengamikorere ya REAF ;

6° gufata ibyemezo ku bindi bibazo byose bijyanye n'ishingano za REAF.

5° to adopt the Internal Rules and Regulations of REAF;

6° to make decisions on any other issues relating to the mission of REAF.

5° adopter le Règlement d'Ordre Intérieur du REAF;

6° prendre des décisions sur toutes autres questions relevant de la mission du REAF.

**Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Inararibonye**

Inama y'Inararibonye igizwe n'abantu barindwi (7), barimo Perezida na Visi Perezida.

**Article 9: Members of the Council of Elders**

The Council of Elders shall be comprised of seven (7) Elders including the Chairperson and the Vice Chairperson.

**Article 9: Membres du Conseil des Sages**

Le Conseil des Sages est composé de sept (7) Sages dont le Président et le Vice-président.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) muri bo bagomba kuba ari abagore.

At least thirty per cent (30%) of members of the Council of Elders must be females.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil des Sages doivent être de sexe féminin.

Iteka rya Perezida rishobora kongera umubare w'Inararibonye, bitewe n'ibyo Igihugu gikeneye.

A Presidential Order may increase the number of Elders depending on the needs of the Country.

Un arrêté présidentiel peut augmenter le nombre de Sages selon les besoins du Pays.

**Ingingo ya 10: Manda y'abagize Inama y'Inararibonye**

Abagize Inama y'Inararibonye bagira manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.

**Article 10: Term of office of members of the Council of Elders**

The term of office of members of the Council of Elders shall be five (5) years renewable.

**Article 10: Mandat des membres du Conseil des Sages**

Les membres du Conseil des Sages ont un mandat de cinq (5) ans renouvelable.

**Ingingo ya 11: Ibigererwaho mu guhitamo Inararibonye**

Abagize Inama y'Inararibonye batoranywa mu bantu bujije ibi bikurikira:

**Article 11: Criteria of selection of Elders**

Members of the Council of Elders shall be selected from among those meeting the following conditions:

**Article 11: Critères de sélection des Sages**

Les membres du Conseil des Sages sont choisis parmi les personnes remplissant les conditions suivantes:

1° kwemera kuba mu bayigize;

1° accepting membership;

1° accepter d'être membre ;

- 2° kuba yaragize uruhare rugaragara mu kubaka no guteza imbere Igihugu;
- 3° kuba afite uburambe n'ubushobozi mu gukemura ibibazo by'Igihugu;
- 4° kuba yarabayeye umuyobozi mu Nzego Nkuru z'Igihugu;
- 5° kuba yararanzwe n'ubwitange mu kazi;
- 6° kuba yubahiriza amahame remezo Igihugu kigenderaho;
- 7° kuba afite nibura imyaka mirongo itanu (50) y'amavuko

Mu bubasha n'ubushishozi bwe, Umuyobozi ushyiraho abagize Inama y'Inaribonye, ashobora kandi gushyiraho undi wese yasanga ari ngombwa.

**Ingingo ya 12: Impamvu zo kuva mu Nama y'Inaribonye**

Kuva mu Nama y'Inaribonye bituruka kuri imwe mu mpamvu zikurikira:

- 1° manda irangiye;
- 2° yeguye ku bushake;
- 3° atagishoboye kuzuzwa inshingano ze bitewe n'uburwayi cyangwa ubumuga;

- 2° having played an important role in building and developing the Country;
- 3° having proven experience and ability in solving national problems;
- 4° having occupied a senior position in the high institutions of the Country;
- 5° having demonstrated commitment throughout his/her career;
- 6° respecting fundamental principles of the country;
- 7° being aged at least fifty (50) years.

The appointing authority of members of the Council of Elders may also use his/her power and diligence to appoint any other person as he/she deems necessary.

**Article 12: Grounds for losing membership of the Council of Elders**

A member of the Council of Elders shall lose membership on any of the following grounds:

- 1° his/her term of office expires;
- 2° he/she voluntarily resigns;
- 3° if he/she can no longer perform his/her duties due to illness or disability;

- 2° avoir joué un rôle important dans la construction et le développement du Pays;
- 3° avoir eu l'expérience et la capacité à résoudre des problèmes nationaux ;
- 4° avoir occupé un poste de responsabilité dans les hautes instances du pays;
- 5° avoir prouvé l'engagement tout au long de sa carrière ;
- 6° respect des principes fondamentaux du pays ;
- 7° être âgé de cinquante (50) ans au moins.

**Article 12: Raisons de perte de la qualité de membre du Conseil des Sages**

Un membre du Conseil des Sages perd sa qualité de membre pour l'une des raisons suivantes:

- 1° expiration du mandat ;
- 2° démission volontaire;
- 3° s'il ne peut plus remplir ses fonctions suite à une maladie ou une incapacité ;

*Official Gazette N° 29 of 22 July 2013*

4° agaragaweho imyitwarire itajyanye n' inshingano ze;

4° he/she demonstrates behaviour incompatible with his/her duties;

4° s'il affiche un comportement incompatible avec ses fonctions;

5° atacyujije ibyashingiweho ashyirwa mu Nama y' Inararibonye;

5° he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment to the Council of Elders;

5° s'il ne remplit plus les conditions requises pour sa nomination au Conseil des Sages;

6° akatiwe burundu igihano cy' igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta hanagura busembwa ryabayeho;

6° he/she has been finally sentenced to a term of imprisonment equal to or greater than six (6) months without rehabilitation;

6° s'il est condamné définitivement à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois sans réhabilitation;

7° apfuye.

7° he/she dies.

7° s'il décède.

Ukwegura ku bushake kw' Inararibonye kugezwa kuri Perezida wa Repubulika mu ibaruwa ishinganye mu iposita cyangwa itanzwe mu ntoki ifite icyemezo cy' iyakira.

Voluntary resignation by an Elder shall be tendered to the President of the Republic by registered mail or by hand-delivery with acknowledgment of receipt.

La démission volontaire d'un Sage est présentée au Président de la République par lettre recommandée à la poste ou remise en main avec accusé de réception.

**Ingingo ya 13: Ishyirwaho n' ivanwaho ry' abagize Inama y' Inararibonye**

**Article 13: Appointment and removal of the members of the Council of Elders**

**Article 13: Nomination et révocation des membres du Conseil des Sages**

Abagize Inama y' Inararibonye bashyirwaho bakavanwaho n' Iteka rya Perezida.

Members of the Council of Elders shall be appointed and removed by a Presidential Order.

Les membres du Conseil des Sages sont nommés et révoqués par arrêté présidentiel.

**Ingingo ya 14: Indangagaciro z' ingenzi mu kazi k' abagize Inama y' Inararibonye**

**Article 14: Key values guiding members of the Council of Elders in their duties**

**Article 14: Principales valeurs guidant les membres du Conseil des Sages dans leurs fonctions**

Mu kazi kabo, abagize Inama y' Inararibonye bagomba kurangwa cyane cyane n' indangagaciro zikurikira:

In discharging their duties, members of the Council of Elders must particularly demonstrate the following values:

Dans l'exercice de leurs fonctions, les membres du Conseil des Sages doivent être guidés par les valeurs suivantes:

1° kutabogama;

1° être impartial;

2° kubaha no kubahiriza inzego ziyobora

2° respecting and ensuring respect for

2° respecter et faire respecter les institutions

igihugu;

Government institutions;

de l'Etat;

3° gushishikazwa no gukumira icyahungabanyaga n'Abanyarwanda;

3° being committed to preventing anything that may undermine the integrity of the country and that of the Rwandan people;

3° être déterminés à lutter contre tout ce qui peut porter atteinte à l'intégrité du pays et de la population rwandaise;

4° gushishikazwa no kubungabunga indangagaciro z'umuco nyarwanda.

4° being committed to preserving the Rwandan cultural values.

4° être déterminés à sauvegarder les valeurs culturelles rwandaises.

**Ingingo ya 15: Ibigenerwa abagize Inama y'Inararibonye**

**Article 15: Benefits allocated to members of the Council of Elders**

**Article 15: Avantages alloués aux membres du Conseil des Sages**

Iteka rya Perezida rigena imiterere y'ibigenerwa abagize Inama y'Inararibonye kugira ngo barangize neza inshingano zabo.

A Presidential Order shall determine the nature of benefits allocated to members of the Council of Elders in order to fulfill their duties.

Un arrêté présidentiel détermine la nature des avantages alloués aux membres du Conseil des Sages pour l'accomplissement de leurs fonctions.

**Icyiciro cya 2: Biro ya REAF n'inshingano zayo**

**Section 2: Bureau of REAF and its responsibilities**

**Section 2: Bureau du REAF et ses attributions**

**Ingingo ya 16: Abagize Biro ya REAF**

**Article 16: Members of the Bureau of REAF**

**Article 16: Composition du Bureau du REAF**

Biro ya REAF igizwe na Perezida na Visi Perezida.

The Bureau of REAF shall be composed of the Chairperson and the Vice Chairperson.

Le Bureau du REAF est composé du Président et du Vice-Président.

**Ingingo ya 17: Inshingano za Biro za REAF**

**Article 17: Responsibilities of the Bureau of REAF**

**Article 17: Attributions du Bureau du REAF**

Inshingano za Biro za REAF ni izi zikurikira :

The responsibilities of the Bureau of REAF shall be the following:

Les attributions du Bureau du REAF sont les suivantes :

- 1° kuyobora imirimo ya REAF;
- 2° gutegura inama z'Inama y'Inararibonye;

1° to head activities of REAF;

1° diriger les activités du REAF;

2° to prepare meetings of the Council of Elders;

2° to prepare meetings of the Council of Sages;

2° préparer les réunions du Conseil des Sages;

- 3° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Inarabonye;
- 4° gukurikirana imikoranire ya REAF n'izindi nzego.

- 3° to ensure the implementation of the resolutions of the Council of Elders;
- 4° to monitor REAF's relations with other organs.

- 3° veiller à la mise en application des résolutions du Conseil des Sages;
- 4° faire le suivi des relations du REAF avec d'autres organes.

**Ingingo ya 18: Inshingano za Perezida wa REAF**

**Article 18: Duties of the Chairperson of REAF**

**Article 18: Attributions du Président du REAF**

Inshingano za Perezida wa REAF ni izi zikurikira:

The duties of the Chairperson of REAF shall be the following:

Les attributions du Président du REAF sont les suivantes:

- 1° gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Inarabonye;
- 2° guhuza ibikorwa bya REAF;
- 3° guhagararira REAF mu Gihugu no mu mahanga;
- 4° kuba umuvugizi wa REAF;
- 5° gushyikiriza Ibiro bya Perezida wa Repubulika raporo za REAF;
- 6° gushyira umukono ku nyandiko zose n'amabaruwa bya REAF;
- 7° gukora imirimo yose yasabwa n'inama y'Inama y'Inarabonye ijyanye n'inshingano za REAF.

- 1° to convene and chair meetings of the Council of Elders;
- 2° to coordinate activities of REAF;
- 3° to represent REAF within the country and abroad;
- 4° to be the spokesperson of REAF;
- 5° to transmit reports of REAF to the Office of the President of the Republic;
- 6° to be a signatory to all documents and correspondence of REAF;
- 7° to perform any other duties related to the mission of REAF as may be assigned by the Council of Elders.

- 1° convoquer et présider les réunions du Conseil des Sages;
- 2° coordonner les activités du REAF;
- 3° représenter REAF à l'intérieur et à l'extérieur du pays;
- 4° servir de porte-parole du REAF;
- 5° transmettre les rapports du REAF à la Présidence de la République;
- 6° signer tous les actes et toutes les correspondances du REAF;
- 7° exécuter toute autre tâche rentrant dans la mission du REAF qui lui serait confiée par le Conseil des Sages.

**Ingingo ya 19: Inshingano za Visi Perezida wa REAF**

Inshingano za Visi Perezida ni izi zikurikira:

- 1° kunganira Perezida no kumusimbura igihe adahari ;
- 2° kuba Umwanditsi w'inama y'Inama y'Inararibonye ;
- 3° gukora raporo z'ibikorwa bya REAF;
- 4° gukora indi mirimo yose yasabwa n'Inama y'Inararibonye cyangwa na Perezida ijyanye n'inshingano za REAF.

**UMUTWE WA IV: IMIKORERE Y'INAMA Y'INARARIBONYE**

**Ingingo ya 20: Inama z'Inama y'Inararibonye**

Inama y'Inama y'Inararibonye iterana igihe cyose bibaye ngombwa. Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari.

Iyo Perezida na Visi Perezida badahari, umukuru mu myaka mu nararibonye atumiza inama y'Inama y'Inararibonye ikitoramo uyiyobora n'umwanditsi wayo.

Inama y'Inararibonye ishobora gutumira mu

**Article 19: Duties of the Vice Chairperson of REAF**

The duties of the Vice Chairperson shall be the following:

- 1° to assist the Chairperson and to deputize for him/her in case of absence;
- 2° to act as the rapporteur of meetings of the Council of Elders;
- 3° to prepare activity reports of REAF;
- 4° to perform such other duties related to the mission of REAF as may be assigned by the Council of Elders or the Chairperson.

**CHAPTER IV: FUNCTIONING OF THE COUNCIL OF ELDERS**

**Article 20: Meetings of the Council of Elders**

The Council of Elders shall meet whenever necessary. The meeting shall be convened and presided over by the Chairperson or the Vice Chairperson in case of absence of the Chairperson.

In case of absence of the Chairperson and the Vice Chairperson, the oldest among Elders shall convene the Council of Elders' meeting which shall elect from among its members the chair and rapporteur.

The Council of Elders may invite to its meetings

**Article 19: Attributions du Vice-Président du REAF**

Les attributions du Vice-Président sont les suivantes :

- 1° assister le Président dans ses fonctions et le remplacer en cas d'absence;
- 2° servir de rapporteur des réunions du Conseil des Sages ;
- 3° préparer les rapports d'activités du REAF;
- 4° exécuter toute autre tâche relevant de la mission du REAF qui lui serait confiée par le Conseil des Sages ou le Président.

**CHAPITRE IV: FONCTIONNEMENT DU CONSEIL DES SAGES**

**Article 20: Réunions du Conseil des Sages**

Le Conseil des Sages se réunit chaque fois que de besoin. Il est convoqué et présidé par le Président ou le Vice-Président en cas d'absence du Président.

En cas d'absence du Président et du Vice-Président, le doyen d'âge des sages convoque la réunion du Conseil des sages qui élit en son sein le Président de la séance et son rapporteur.

Le Conseil des Sages peut inviter à ses réunions

nama zayo umuntu wese ufite ubuhanga bwihariye kugira ngo ayungure ibitekerezo.

Uwatumiwe ntiyemerewe gutora mu gihe cy'ifata ry'ibyemezo, kandi akurikirana gusa ingingo zerekeranye n'ibyo yasabwe gutangaho ibitekerezo.

Ibiri ku murongo w'ibygwa n'izindi nyandiko zose zigomba kuganirwaho zohererezwa buri wese mu bagize Inama y'Inararibonye hasigaye nibura iminsi itatu (3) ngo inama iterane, keretse icyo inama itumijwe ku buryo bwihutirwa.

**Ingingo va 21: Ifatwa ry'ibyemezo n'inyandikomvugo**

Ibyemezo by'Inama y'Inararibonye bifatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotise bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abari mu nama.

Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Inararibonye yemezwa mu nama ikurikira igashyirwaho umukono n'uwayiyoboye n'umwanditsi wayo.

**Ingingo ya 22: Amategeko ngengamikorere**

Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko, REAF ishahiraho amategeko ngengamikorere ayigenga atangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

any person with special expertise for advice.

The invited person shall not be allowed to vote during decision-making and shall only participate in debates related to items for which he/ she is requested to offer advice.

The items on the agenda and any other documents to be discussed by the Council of Elders, shall be transmitted to each member of the Council of Elders at least three (3) days before the meeting, unless the meeting is convened in urgent circumstances.

**Article 21: Decision-making and minutes**

Resolutions of the Council of Elders shall be taken by consensus. If not possible, they shall be taken through an absolute majority vote of the members present.

The minutes of the Council of Elders' meeting shall be adopted in the next meeting and signed by the chairperson of the meeting and its rapporteur.

**Article 22: Internal rules and regulations**

Without prejudice to the provisions of this Law, REAF shall establish its internal rules and regulations which shall be published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

toute personne ayant une expertise particulière pour avis.

La personne invitée n'a pas le droit de vote lors de la prise des décisions et participe uniquement aux débats concernant les points pour lesquels elle est consultée.

L'ordre du jour ainsi que tous les autres documents de discussion sont envoyés à chaque membre du Conseil des Sages au moins trois (3) jours avant la tenue de la réunion, sauf en cas de convocation urgente de la réunion.

**Article 21: Prise de décisions et procès-verbal**

Les résolutions du Conseil des Sages sont prises par consensus. Dans le cas contraire, elles sont prises à la majorité absolue des membres présents à la réunion.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil des Sages est approuvé lors de la réunion suivante et signé conjointement par celui qui l'a présidée et son rapporteur.

**Article 22 : Règlement d'ordre intérieur**

Sans préjudice des dispositions de la présente loi, REAF établit son règlement d'ordre intérieur qui est publié au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**UMUTWE WA V: ABAKOZI N'UMUTUNGO BYA REAF**

**Ingingo ya 23: Imicungire y'abakozi ba REAF**

REAF igira abakozi bo mu rwego rwunganira n'urwa tekiniiki bagengwa na Sitati rusange y'abakozi ba Leta.

**Ingingo ya 24: Inkomoko y'umutungo wa REAF**

Umutungo wa REAF ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa REAF ukomoka ku ngengo y'imari ya Leta.

Ushobora gukomoka kandi ku nkunga, impano n'indagano z'abafatanyabikorwa.

**Ingingo ya 25: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo**

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa REAF bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 26: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza,

**CHAPTER V: STAFF AND PROPERTY OF REAF**

**Article 23: Management of the staff of REAF**

REAF shall have support and technical staff governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

**Article 24: Sources of the property of REAF**

The property of REAF shall be comprised of movable and immovable assets.

The property of REAF shall come from the State budget.

It may also come from grants, donations and bequests from partners.

**Article 25: Use, management and audit of the property**

The use, management and audit of the property of REAF shall be carried out in accordance with the relevant legal provisions.

**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**

**Article 26: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and

**CHAPITRE V: PERSONNEL ET PATRIMOINE DU REAF**

**Article 23: Gestion du personnel du REAF**

REAF est doté d'un personnel d'appui et technique régi par le Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.

**Article 24: Sources du patrimoine du REAF**

Le patrimoine du REAF est composé de biens meubles et immeubles.

Le patrimoine du REAF provient du budget de l'Etat.

Il peut également provenir des subventions, dons et legs des partenaires.

**Article 25: Utilisation, gestion et audit du patrimoine**

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine du REAF sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 26: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée

*Official Gazette N° 29 of 22 July 2013*

risuzumwa kandi ritorwa mu rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 27: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 28: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 16/06/2013

adopted in Kinyarwanda.

**Article 27: Repealing provision**

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

**Article 28: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 16/06/2013

et adoptée en Kinyarwanda.

**Article 27: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 28: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 16/06/2013